



# IGIKORWA CYO KWIBUKA

## KUGARIZWA N'INGARUKA ZA GENOSIDE

UBURYO BWO KUBARA INKURU BUKORESHWA  
N'ABAJYANAMA B'IHUNGABANA BA IBUKA

Inyandiko yashizwe hamwe na David Denborough  
Ku bufatanye bwa ibuka na Dulwich Centre Foundation International

*"IBUKA" nubwo ari ijambo riduhagarira kwibuka, IBUKA ni n'izina ry'umuryango uhuza imiryango y'abacitse kw'icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994 mu Rwanda. Inyandiko ikurikira ikubiyemo ibisobanuro by'ukuntu abajyanama mu b'ihungabana ba IBUKA bafasha abacitse ku icumu rya Jenoside. Iyi nyandiko iha agaciro kandi igakusanyiriza hamwe umurimo wabo ndetse ikanubaha ibyo abacitse ku icumu banyuzemo. Igitangaje kandi giteye amatsiko ni uko abakozi ba IBUKA abenshi ari abacitse ku icumu nabo. Umurimo wabo urakomeye cyane kandi ni uw'agaciro kuko ufasha abacitse ku icumu kuvuga inkuru zabo mu buryo bububaka, bagafasha mu igikorwa cyo kwibuka, guhuza no kunga umuryango ndetse n'ibindi bikorwa bifitiye akamaro abacitse ku icumu.*

*Iyi nyandiko izasohorwa mu gihe cyo kwibuka ku nshuro ya 16 izaba ifite insanganyamatsiko yo guhangana n'ihungabana n'uruhare rw'abajyanama b'ihungabana mu kubaka igihugu. Turizera ko iyi nyandiko izahesha agaciro umurimo w'abajyanama mu by'ihungabana ba IBUKA ndetse igafasha abacitse ku icumu rya Jeniside kurushaho kubona ubufasha aho baherereye mu gihugu. Umunyamabanga nshingwabikorwa wa IBUKA, Kaboyi Benoit yavuze ko: "Umurimo wa IBUKA ari nk'urumuri ruto ku bacitse ku icumu rubamurikira mu nzira ndende" (Kaboyi, 2007). Uko abafasha mu by'ihungabana ba IBUKA bakomeje gushakisha uburyo buboneye bwo kwibuka, umurimo wabo n'inkuru zabo bishobora kubera urugero rwiza abandi bafasha muby'ihungabana mu bindibihugu by'Afurika ndetse n'ahandi.*

*Ibikubiyemo*      *Urupapuro*

*IGICE CYA MBERE:*  
*Ingaruka za Jenoside*

**3**

---

*IGICE CYA KABIRI:*  
*Amateka/Urwego/Ubufatanye*

**5**

---

*IGICE CYA GATATU:*  
*Amahame agenga ubufasha*

**7**

---


*IGICE CYA KANE:*  
*Inkuru*

**11**

---

*IGICE CYA GATANU:*  
*Izindi ngingo zo kwigwaho*

**21**





*Igice cya mbere*

# INGARUKA ZA JENOSIDE

Ingaruka za Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994 mu Rwanda ntabwo zirarangira. Abantu benshi baracyafite ingaruka zikomoka k'ubwicanyi bw'indengakamere n'amahano yabaye mu Rwanda mu minsi ijana jenoside yakorewe abatutsi yamaze.

Abantu duhura nabo kenshi mukazi dukora baba babana n'ingaruka zitandukanye za Jenoside, bashobora kurota ibintu biteye ubwoba bigatuma badasinzira; hari igihe bagira ibibazo bikomeye byo kwiheba no guta icyizere cy'ubuzima. Ahanini usanga bafite agahinda gakabije; ubwoba ndetse n'umujinya; ndetse hari ababa batazi neza niba bashaka kubaho cyangwa gupfa. Abacitse ku icumu benshi bakunze kurwara umutwe cyane, abandi nabo bakagira ibibazo mu muhogo ndetse bagatsepura, abenshi babayeho mu bwigunge bukabije kuberako ahanini iyo wabuze abavandimwe biragorana rimwe na rimwe gusabana n'abandi. Abagore benshi bafashwe ku ngufu barangizwa ndetse bakuriramo n'agakoko ka sida none ubu babana n'ingaruka zabyo; abandi bacitse ku icumu nabo bafite ibibazo biterwa no kwibuka ababo ndetse n'ihungabana; hari abatabasha kugira icyo bibuka bityo bigatuma batamenya amateka yabo; abandi bicara babona ibyo baciyemo umunsi ku munsi ndetse hari n'abumva batishimiye kuba bararokotse bitewe n'uko jenoside yabateye kwibaza niba bafite uburenganzira bwo kubaho. Ibi byose bigaragaza ingaruka za jenoside zikomeza gukurikirana abacitse ku icumu.

Hari n'ibindi bibazo bitoroheye abacitse ku icumu aho bagomba kubana n'ababiciye umuryango ndetse bagakomeza no kubatera ubwoba babatoteza kugirango batavugisha

ukuri ku byabaye, cyangwa se badashakisha ubutabera. Iyo bavugishije ukuri usanga batorohewe n'imyumvire itandukanye ya rubanda ndetse kenshi usanga bugarijwe n'ibikorwa by'iterabwoba n'urwango badahwema kugaragarizwa mu buzima bwa buri munsi. Abacitse ku icumu kandi babayeho mu bukene bukabije kandi bugarijwe n'ibibazo byinshi bitoroheye urugamba rwo guhangana n'ingaruka za jenoside.

Abana n'urubyiruko muri rusange nabo bagerwaho n'ingaruka z'ubwicanyi n'ubwo baba bari bataravuka mu gihe cya Jenoside; izo ngaruka zibageraho bitewe n'uburyo ababyeyi babo n'abavandimwe babo babana nazo.

Izo ni zimwe mu ngaruka nyinshi abantu babana nazo; ni nazo tugerageza gushakira umuti mu kazi kacu. (Denborough, Freedman & White, 2008)

Igikomere muri byose ni uko abajyanama b'ihungabana nabo ari abacitse ku icumu nabo bakaba bahura n'ingaruka za jenoside mu gihe bitanga ngo bafashe abandi bahuye n'ibisa n'ibyabo. Bumwe mu buryo bw'ingenzi bakoresha bafasha abandi ni ukuvuga amateka nabo banyuzemo n'urugendo baciyemo rwo gukira. Ibyo bigira umumaro ukomeye mu gufasha abandi.



*Abajyanama ba Ibuka ndetse n'abunganira muby'amategeko*

*Igice cya Kabiri*

# AMATEKA/URWEGO/UBUFATANYE

Mu myaka mike ishize, ubufatanye hagati ya IBUKA na Dulwich Centre Foundation International bwarakomeye. Umurimo ukubiye muri iyi nyandiko ushingiye ahanini ku ngendo n'amahugurwa ngarukamwaka yagiye abera mu Rwanda agahabwa abajyanama mu by'ihungabana no mu butabera bakorera IBUKA. Izi ngendo zigizwe n'ibice bitandukanye. Ku ruhande rumwe hari abahanga mu bufasha mu by'ihungabana hakoreshejewe uburyo bwo kubara inkuru, ku rundi naho izi nzinduko zakusanyije ndetse zishyira ahagaragara ubumenyi n'ubuhanga bw'abajyanamama mu by'ihungabana bakorera IBUKA, bukaba bukubiyemo:

- Uburyo bumva ingaruka za Jenoside
- Ibikorwa nyamuryango ndetse n'ibijyanye no kwiyubaka abacitse ku icumu bakora
- Inkuru zo mu miryango ndetse n'uburyo zubakwa hakurikijwe amateka, indangagaciro mu muco rusange n'abantu ku gitи cyabo

Mu mahugurwa ya mbere yahawe abakozi ba IBUKA, inyandiko ikubiyemo izo nkuru yashyizwe hamwe na (Denborough, Freedman & White, 2008). Iyo nyandiko yiswe: “Kuba mu mwijima w'ingaruka za jenoside: Uburyo duhangana n'ibihe bikomeye; Inkuru zitandukanye zo kwiyubaka z'abakozi ba IBUKA” Muri Iyo nyandiko abakozi ba IBUKA bagaragaje uburyo butandukanye abacitse bagerageza kudaheranwa:

- Kumva no kwigira ku buzima bw'abandi
- Muzika n'indirimbo
- Inzira nshya zo gukomeza umuco
- Imikino

- Kubuka umuryango
- Kwitarura
- Kurira ndetse no kuganira
- Kwibuka ibintu byiza
- Kugaragaza intimba ndetse n'icyo utekereza
- Kumenya ko atari wowe wenyine ufite agahinda
- Kubaha no kwigira ku abakurambere
- Gukora cyane no gukomeza imiryango yacu
- Gufata umwanya wo kuruhuka
- Kugana inshuti no kutigunga

Mu minsi ishize indi nama nyunguranabitekerezo yarabaye hamwe n'abafasha mu by'ihungabana ndetse n'ubutabera bakorera IBUKA maze bagaragaza mu uburyo bwumvikana bumwe mu buryo bwo kubara inkuru bakoresha mu gutanga ubufasha kubabagana. Ibyo bitekerezo by'uburyo bunyuranye bw'ubufasha, bikubiye muri iyi nyandiko. Muri rusange, izi nkuru zigaragaramo ubwuzuzanye bw'uburyo bwo kubara inkuru mu bufasha n'ubumenyi kamere bw'abafasha by'umwihariko.



*Cheryl White (Dulwich Centre Foundation International) and Kaboyi Benoit (Ibuka)*

*Igice cya Gatatu*

# AMAHAME AGENGA UBUFASHA

Abajyanama mu by'ihungabana ba IBUKA bakoresha amahame y'ibanze agera ku icumi mu gufasha ababagana. Dore uko basobanura aya mahame mu magambo yabo bwite:

**1) Guhuza: Kumva ibyo baciyemo n'ingaruka zabyo**

Iyo duhuye n'abacitse ku icumu, duhuzwa n'uburyo dutega amatwi mu bushishozi n'ubwitonzi. Ni muri uko gutega amatwi twubaka icyizere hagati yacu nabo ndetse tugahuza. Dutega amatwi iyo batubwira uburyo barokotse, ibyo banyuzemo, dutega amatwi iyo batubwira ibijyanye n'akababaro n' akarengane bakorewe, ababo babuze ndetse n'ingaruka zikibugarije za Jenoside. Tubasha kubumva kuko natwe twacitse ku icumu, tubatega amatwi nk'abantu batitaruye cyangwa batinya inkuru zabo. Hari n'igihe tubanyurira mo muri make inkuru zacu kugirango bisanzure. Dutega amatwi nk'abantu bumva.

**2) Gushyira ahagaragara ingaruka za Jenoside**

Akensi abatugana baba bugarijwe n'ibibazo bikomeye bijyanye no kwibuka cyangwa ibikomere by'umubiri. Nyuma y'imyaka cumi n'itanu, cumi n'itandatu hari igithe usanga umuntu abana n'ingaruka za Jenoside ariko atarigera agira ubushobozi bwo kubiganira. Icyo tumufasha rero n'ugukurikirana amateka y'ikibazo kibugarije kugirango hashyirwe umucyo mu myumvire yacyo, aho cyaturutse, uko izo ngaruka zaje mu buzima bwabo. Muri ubwo buryo ingaruka za Jenoside ziva ahihishe mu ntekerezo zikajya ahagaragara. Abacitse ku icumu babasha kumva mu by'ukuri ko ingaruka zibugarije zatewe na Jenoside cyangwa zishingiye ku kuba mu mwijima watewe na Jenoside.

**3) Kumva ibindi bigize umuntu byarokotse n'uburyo byarokotse**

Hariho n'iyindi nkuru dutega amatwi cyane, inkuru ishingiye ku kwikomeza no kwiyubaka. Dutega amatwi kandi tukubaha ibyo babashije kurokora mu buzima bwabo. Ibyo n'ink'ibyifuzo, ukwemera, ubumenyi n'ubushobozi byabo mu kwibeshaho. Dutega amatwi dukoresheje ubushishozi kugirango tumenyi ibibafitiye akamaro. Kugirango ibi tubigereho dukoresha tekiniye yo kumva inkuru mu buryo bubiri bita mu rurimi rw'icyongereza Double-Listening (White,2006) Twumva ibice bibiri bitandukanye mu nkuru.

<i>Inkuru z'ibyo banyuzemo</i>	<i>Inkuru y'ubudaheranwa no kwiyubaka</i>
– <i>Ubuzima bugoye</i>	– <i>Ukwemera</i>
– <i>Kubura ababo</i>	– <i>Indangagciro</i>
– <i>Akarengane</i>	– <i>Icyizere</i>
– <i>ibibabangamiye</i>	– <i>Ibyifuzo</i>
– <i>Ingaruka ku buzima bwabo</i>	– <i>Ubumenyi n'ubuhanga</i>
	– <i>Ibibashimisha</i>
	– <i>Imbaraga zo kwibeshaho</i>

#### 4) Gukurikirana amateka y'ibifitiye akamaro abacitse ku icumu

Iyo dutega amatwi ibifitiye akamaro abacitse ku icumu, iyo batubwira ibijyanye n'imyemerere yabo, ibyo bateganya mu buzima ndetse n' ubumenyi bifitemo; tuba turi kumenya amateka y'ubuzima bwabo. Ese byaba bituruka hehe? Harigihe dusanga bifitanye isano cyangwa bikomoka mu miryango yabo cyangwa abo bakundaga babuze. Duhamagarira abacitse ku icumu kutubwira izi nkuru.

#### 5) Kwigira ku babo babuze: gukomeza ibyiza byabarangaga

Ku babuze imiryango yabo cyangwa ababyeyi babo, bigira akamaro kanini iyo twibutse imibereho yabo, umurage badusigiyе битио тукаба твавукомеza. Dufasha abacitse ku icumu kumva ibyo bigiye kandi bakomeje kwigira ku babo bakundaga babuze. Ikindi kandi tubafasha gukomeza umurage mwiza n'imico myiza y'ababo bazize Jenoside. (White & Epson)

#### 6) Kumenya ubuhanga bwo kwibeshaho

Akensi abacitse ku icumu bafashe intambwe zitandukanye, bakora ibikorwa bidasanze kugirango babashe kubaho. Twemera ko ibyo bikorwa bitandukanye bisaba ubuhanga, ni inzira zidasanzwe zo guhangana n'amakuba yabagwiriye. Nk'abafasha mu by'ihungabana, aho guhakana cyangwa gucira urubanza uburyo barokotsemo, ahubwo twemera ubushobozи bwihariye bwo kwibeshaho. Tubiha agaciyo kandi tukabyubaha. Tugerageza kandi kumva ibyo bakunda cyangwa ubundi buhanga bifitemo n'inzira zakoreswa kugirango bikomeze gutezwa imbere.



## 7) Kwiybaka n'ubutabera

Mu murimo wa IBUKA kwiybaka n'ubutabera birajyana, ntabwo tubitandukana. Igice kinini cy'umurimo wacu kijyanye no gufasha abacitse ku icumu gushakisha ubutabera mu nkiko Gacaca, no kubaba hafi muri icyo gikorwa. Bityo tubasha kumva mu murimo wacu uburyo ubutabera no kwiybaka byuzuzanya.

## 8) Ubufatany

Iyo duhuye n'abacitse ku icumu, kimwe mubyo tugerageza kubafasha ni ugushakisha uburyo abacitse ku icumu bafasha bagenzi babo. Hakubiyemo nko gufasha impfubyi za Jenoside cyane cyane ko byagaragaye ko inkunga cyangwa ubufasha runaka bugira icyo bwongera ku buzima bwabo. (Denborough, 2008)

## 9) Gufatanya kwibuka: ibiganiro n'ibikorwa rusange

Nk'abacitse ku icumu rya Jenoside, tubana n'ibibazo bijyanye no kwibuka. Hari igihe bitugora kwibuka ndetse bikanatugora kwibagirwa. Nk'abafasha mu by'ihungabana, dufasha abantu mu bijyanye no kwibuka. Rimwe na rimwe kwandika ahantu ibyo umuntu yibuka cyangwa kubika ibyo wibukiraho abawe birafasha kimwe n'uko kubiganirira abandi nabyo bigira akamaro. Gusura inzibutso hamwe bidufasha kwibukira hamwe bityo abacitse ku icumu ntibisange mu bwigunge bahanganye no kwibuka ibintu bikomeye banyuzemo. Ibi rero bikubiyemo, ibiganiro rusange, n'ibikorwa byo kwiybaka.

## 10) Imvugo yubaha umuco

Nk'abajyanama mu by'ihungabana kandi tugomba gukoresha uburyo buboneye umuco nyarwanda. Ntiturengera ngo tubaze ibibazo by'amatsiko mu buzima bw'abatugana cyangwa ngo tubaze ibibazo mu buryo budakwiriye.

Ikindi kandi duhuza abacitse ku icumu n'ibigo bifasha mu by'ubuvuzi ndetse n'iby'ubutabera. Tugerageza kubafasha mu kwitabira ibikorwa bitanga umusaruro ndese bibyara inyungu. Rimwe na rimwe dufasha abacitse ku icumu mu mibanire yabo n'abandi.





*Igice cya Kane*

# INKURU

Inkuru zikurikira zatanzwe n'abakozi ba IBUKA zigaragaza agahinda gaturuka ku kubana n'ingaruka za Jenoside n'uburyo abacitse ku icumu n'abajyanama mu by'ihungabana bafatanya guhangana n'ingaruka zishingiye ku kwibuka. Nkuko Hodali Irakoze Pierre Claver wa IBUKA abisobanura:

*Turizera ko izi nkuru zigaragaza ko abahura n'abajyanama mu by'ihungabana babasha kubaho hejuru y'amahano yabagwiririye. Zigaragaza uburyo ushobora kumvwa bityo ukabasha gukira. Turizera ko ubu butumwa kandi bugaragaza ubwitange n'umutima mwiza biranga abajyanama bacu mu by'ihungabana. Ikindi kandi twifuza ni uko izi nkuru zabera urumuri abandi bakiri mu icura burindi ry'amateka.*

## KUGIRA UBUNTU

Iyi nkuru n'iyu'umwari Uwimana Immaculee, nahaga ubufasha mu by'ihungabana. Muri Jenoside yari afite imyaka irindwi asambanwa ku gahato. Yafashwe n'abagabo babiri bamumarana iminsi ibiri. Muri Jenoside kandi yabonye mama we yicwa.

Umuntu wagerageje guha Uwimana ubuhungiro yamuhishaga mu cyobo kinini ku munsi noneho ninjoro akamujyana mu kizu kinini cyicirwagamo abantu kuko yumvaga ko ntawuzaza kuhashakira ninjoro. Aho yari yihishe rero niho yabonye nyina yicishwa igisongo hagati y'amaguru.

Uwimana niwe warokotse wenyine mu muryango w'abana batandatu. Yaje kundeba nyuma y'amahugurwa yo gukangurira abantu gushakisha ubufasha mu by'ihungabana ko aribyo nkora kandi niteguye kubafasha. Uwimana yaje kunyegera ambwira iby'inzozi ziteye ubwoba n'amashusho ajya amugarukira, yambwiye ubwobo agira bitewe no kwibuka ibyabaye akumva imiborogo. Yumva yishinja kuba we ariho abavandimwe be barashize nubwo yasambanijwe ku gahato. Ibyo byose yabisobanuye mu magambo ye. Hari n'ibikomere kandi byo ku mubiri, agira ikibazo cyo kuva cyane kuko umubiri we ntiwhanganira kwibuka ibyo yakorewe bityo akenshi aravirirana hagati y'amaguru. Arahungabana cyane ku buryo atabona agasa nk'uwhumye.

Mu gushaka kumva rero uburyo yakomeje kubaho n'icyamufashije muri ibyo yaciymo, yantekerereje uburyo ikintu yarokoye iwabo ari inkoko imwe, akajya ayitaho cyane akirirwana nayo, akararana nayo mbese aricyo kintu asigaranye gusa cyo kumumara irungu n'ubwigunge. Nyuma baje ku mwiba iyo nkoko ku buryo byamubabaje cyane akaba adashobora kubyibagirwa.

Byari ngomwa rero ko nkora iyo bwabaga nkamushakira ubufasha ku nzego zombi ku mubiri ndetse no guhangana n'ibyo yibuka. Narabanje mujyana kwa muganga kugirango basuzume ubuzima bwe gusa nyuma yamasuzuma basanze nta mpamvu yo ku mubiri isobanura kuva cyane no guhuma ko ahubwo bifitanye isano n'ihungabana mu mutwe.

Mu gihe twari kumwe, nagerageje gutega amatwi ibindi bintu bigize ubuzima bwe nk'ubumenyi n'ubuhanga ndetse n'indangagaciro bityo mbasha kumenya ko yakundaga kuririmba. Namabajije amateka y'iyo mpano mu buzima bwe ndetse na bimwe mubyo yakora kugirango akomeze iyo mpano ye. Twarafatanyije muri icyo gikorwa. Mu Rwanda bisanzwe bizwi ko kuririmba bigira imbaraga zihariye bityo buhoro buhoro Uwimana yatangire kongera kugarura imbaraga.

Namenye kandi ko umuryango wa Uwimana warangwaga no kugira neza, bakiraga abantu benshi mu mu rugo rwabo, bakita ku bavandimwe benshi. Kugira neza yari indangagaciro yahabwaga umwanya ukomeye mu muryango wabo. Twarabiganiye cyane ambwira ibikorwa bitandukanye umuryango we wakoze kandi ambwira ko ateganya kuzakomeza uwo muco n'umurage wo kugira neza yasigiwe n'umuryango we. Yifuza gukomeza uwo muco waranze abo yakundaga yabuze. Nyuma yaho Uwimana yaje gutangira kwita ku mwana muto w'umukobwa w'impfubyi, amushyira mu nzu y'iwabo barabana kandi yiyeze ko azaharanira gukomeza umurage mwiza w'umuryango we.

Igihe nahuguwe ku buryo bwo gukoresha igiti cy'ubuzima, naje gutekereza uburyo nagikoresha mu bufasha nahaga Uwimana , bityo mpinduramo “ umugezi w'ubuzima”. Byamfashije gukurikirana uruhererekane n'amateka y'ibibazo byari byugarije Uwimana.



'Uruzi rw'ubuzima' rwa Uwimana

Dukurikiranye ibijyanye n'ikibazo yagiraga cyo kuva cyane, twaje gusanga ifitanye isano n'ishusho imuhungabanya yibuka mama we wishwe avirirana. Twabashije guhuriza hamwe ibimenyetso by'ibimubaho n'ibyo yabonye muri jenoside. Mu gukoresha ubwo buryo yabashije kubona isano riri hagati y'ibibazo byombi.

Ninako kandi twabashije kugaragaza ihuriro riri hagati n'ihungabana agira agahuma n'igihe yamaze mu icuraburindi nta rumuri. Buri hungabana ryari rishamikiye kubyo yanyuze mo muri icyo gihe cya jenoside. Iyi tekikike y'umugezi w'ubuzima yamufashije kugurikirana ubuzima bwe, ibyo yibuka, n'ibyo yanyuzemo ku murongo. Bituma abasha kubyumvana umucyo. Byatumye kandi abasha kubona intambwe yateye mu gusubiza ubuzima bwe cyangwa se umugezi w'ubuzima bwe ku murongo.

Igitangaje muri ibi byose rero ni uko Uwimana yaje kuva ahantu kure ariko agakira. Yabashije kongera kugira inshuti ndetse arongera akunda muzika nka kera none ageze ku rwego rushimishije rwo kuba yasubira mu muryango rusange hamwe n'abandi. Naje kubona inkunga yoroheje bityo mbasha kumufasha gutangiza agashinga ko kwiteza imbere, ubu Uwimana ameze nk'undi mwari wese, yabashije gukira ihungabana, inzozi mbi, kuva cyane ndetse no guhuma.

Ikindi gikomeye kandi ni uko yaje no kubona ubutabera. Muri ba bantu babiri bamusamabanije ku gahato, umwe yahunze igihugu ariko undi we Uwimana yabashije gutanga ubuhamya bityo acirwa igihano cya burundu. Ibyo byamuhyaye nibura urugero rw'ubutabera.

Iki gikorwa cy'ubufasha cyatwaye umwanya uhagije n'imbaraga, cyane cyane mu ntangiriro. Byansabye imbaraga nyinshi kugirango nubake icyizere, kumuba hafi ndetse no ku mwumva. Iyo umuntu yanyuze mu bintu byinshi kandi bikomeye akenshi hasabwa umurimo utoroshye kugirango muhuze ndetse mugere ku rwego mugirirana icyizere.

Ariko iyo niyo ngingo nyamukuru mu murimo wacu. N'ubwo abacitse ku icumu bakomeje kuba mu gahinda gakabije nyyewe biranezeza cyane kubona Uwimana yarabashije gusubirana ubuzima bwe.

## **GUSANGIRA ICYIZERE NDETSE NO GUSURIRA INZIBUTSO HAMWE**

Muri Jenoside, Rurangwa Jean Christophe yahunganye n'umuryango we ariko bihisha mu bice bitandukanye. Rurangwa we yihishe mu rwobo runini ariko rwuzuyemo udusimba twinshi tukajya tumuruma buri kanya.

Mu gihe Rurangwa yaje kundeba kugirango ahabwe ubufasha mu by'ihungabana, yansobanuriye ibyamubayeho muri urwo rwobo ndetse n'ukuntu umuryango we wose wishwe. Mu gihe yahungaga yagenze ibirometero byinshi n'amaguru ava mu ntara imwe ajya mu yindi ariko nyuma yaho intara y'iwabo ibohorewe yaje gufata icyemezo cyo gusubira yo kugirango arebe ko haba hari n'umuvandimwe wa kure warokotse. Mu nzira asubirayo yaje guhura n'umukecuru wo mu karere k'iwabo, amutekerereje aho agiye umukecuru abura amagambo yo kumusobanurira ibyahabereye. Rurangwa yabonye agahinda mu maso y'umukecuru ahita abona ko abantu bashize iwabo bityo afata icyemezo cyo kudakomeza urugendo ahubwo yisubirira aho yihishaga.

Muri 1996, Rurangwa yabonye umugiraneza wamufashije kujya muri leta zunze ubumwe z'Amerika aho yamaze imyaka icyenda. Muri icyo gihe cyose yirinze kumva ikintu cyose gifitanye isano na Jenoside cyangwa kirebana n'u Rwanda, ariko mu 2005 yaje kugaruka mu Rwanda; mu ntangiriro yagerageje gukomeza kwitarura ibya Jenoside nk'uko yabigenzaga mu mahanga. Ntiyashatse kumenya ibyayo cyangwa gusura inzibutso cyangwa se gutega amatwi ibiganiro kuri radio ndetse mu gihe cyo kwibuka ntabwo yitabiraga ibyo bikorwa.

Ariko mu gihe cya Gacaca haje kuvuka ikibazo, hari umuntu yari yaragize ngo n'insuti, yari yaramubyaye muri batisimu bityo akamwizera. Ninawe waje ku mwakira ku kibuga cy'indege igihe yavaga mu mahanga. Ariko muri Gacaca yaje gutangazwa no kumenya ko uwo ariwe wamwiciye umuryango muri Jenoside. Ibi byahungabanyije Rurangwa cyane ku buryo yarahiye kutagira uwo yizera n'umwe ndetse atangira no kugira ikibazo cyo kwibuka.

Muri icyo gihe nibwo natangiye kuganira na Rurangwa ariko atari mu rwego rw'umufasha mu by'ihungabana ahubwo nk'umuntu tuziranye w'insuti. Twari tumaze kumenyana bihagije noneho mu bwirako wenda byaba igitekerezo cyiza gusura nibura urwibutso kugirango nibura arangize ikibazo cyo kwibuka, nanamwemerera ko dushobora kujyana kugirango duterane inkunga muri icyo gikorwa cyo kwibuka. Mbere yo kugenda ariko twarabanje turabiganira byimazeyo, tuvugana ko atari ibintu byoroshye ko bishobora kumwibutsa byinshi. Ariko nyuma Rurangwa yaje kwemera ko tujyana.

Byaje kugaragara ko atari ikintu cyoroshye, Rurangwa yararize cyane ndetse agahinda karamwica ariko nyuma yo gusura urwibutso yemeyeko kuba yakoze icyo gikorwa hamwe n'undi muntu wacitse ku icumu byamufashije cyane. Kuba hamwe no gufatanya muri icyo gikorwa byafashije kwhangana. Ubu Rurangwa yateye intambwe ikomeye mu bijyanye no kwibuka, yitabira ibikorwa byo kwibuka ndetse agatega amatwi ibiganiro binjyanye nabyo ndetse n'indirimbo kuri radio. Aracyafite ingorane mu kwizera abantu ariko buhoro buhoro biraza kuko n'ikimenyimenyi yaranyizeye ndamuherekeza.

Uko biri kose twabashije kubaka icyizere hagati yacu bitewe no kumarana igihe gihagije, bitewe no gutega amatwi no kubaha ibyo yanganiriraga. Bensi tugira umutwaro w'ibyo twibuka uturemerera kuwihererana twenyine. Iyo twubaka icyizere rero bituma dufatanya kwibuka.

## KWIGIRA KU BUSHOBOZI BWO KWIBESHAHO, GUFATANYA NDETSE N'UBUSHUTI

Uwamariya Claire yabuze ababyeyi be bombi muri Jenoside hamwe n'abavandimwe benshi. Nyuma ya Jenoside yagiye kubana na mukuru wari warashatse ndetse afite n'abana. Uwamariya byaramugoye kugira ngo yumve yisanze muri uwo muryango kuko ibyo bakoraga byose byaba bibi cyangwa se byiza we yumvaga ahejwe. Byaramugoraga kwakira ineza yabo ndetse ntiyibonemo cyane muri uwo muryango. Uko igihe cyahitaga Uwimana yatangiye kujya yumva agahinda kenshi bitewe n'uko yumvaga ntawamwitaho nk'uko ababyeyi be bamwitagaho kandi ntawundi yapfa kwizera. Yamvise ubuze icyanga cy'ubuzima ku buryo yanagerageje kwiyahura inshuro eshatu. Ubwambere yanyweye imiti yica ariko baramutabara hakiri kare. Ubwa kabiri yikingiranye mu nzu icyumweru cyose atarya, ariko nabwo abantu baje kubimenya baramutabara. Ubundi noneho aza gufata icyemezo cyo kujya mu gisirikare yumva ko azagwa kurugamba.

Ibyo nabyo ntibyashobotse, nyuma yaho nibwo Uwamariya yaje kwegera umufasha mu by'ihungabana wa IBUKA, nibwo bwa mbere yari agize uwo aganirira ibyamubayeho. Icyamutangaje muri byose ni uburyo twari twiteguye kumwumva ndetse no kumufasha, ibyo byaramutunguye cyane ku buryo yarize igice kinini duhura bwa mbere.

Uko igihe cyagiye gitambuka mu bufasha twahaga Uwamariya ikintu cyamufashije ahanini ni ibiganiro bijyanye n'ababyeyi be, n'umuryango we ndetse n'ibyo yibuka kuburyo bitwaraga mu bihe bikomeye. Uwamariya yibanze ku buryo se wari umupasiteri yashakiraga imbaraga mu masengesho mu bihe bikomeye. Nakomeje kumubaza ibijyanye n'iki gikorwa cyo gusenga maze menya ko ari igikorwa cyari gifite umwanya ukomeye mu muryango wabo cyane mu guhangana n'ibibazo. Buhoro buhoro Uwamariya yatangiye gukoresha amasengesho kugirango abashe gukira. Ibi yabifashijwe mo n'ibyo yibukiraga kuri se n'uko bari babanye. Muri ubu buryo amasengesho ntiamufashije gusa muri icyo gihe ahubwo yanamuhyaye ubushobozi bwo kwibuka amateka ye no gukomeza umuco n'umurage w'umuryango we.

Bimwe mu bigize inkuru z'ibyo yanyuzemo ntabwo byari byoroshye kubimufashamo, twagerageje kuganira ku kuba yasubira ku ishuri cyangwa akagerageza kubana n'indi miryango. Nyuma yaje kwemera gusubira kw'ishuri aho yabanaga n'abandi bacitse ku icumu ndetse bafite ibibazo bikomeye kandi bitandukanye binarenze ibye bwite, ku ishuri rero yaje guhabwa inshingano zo gufasha mu kwita ku mwana umwe wari ufite ibibazo bikomeye cyane. Ibyo byatumye Uwamariya yumva afite uruhare rukomeye mu gufasha uwo mwana wari ufite ibibazo. Ibi byari intambwe ikomeye mu bufasha bwa Uwamariya.

Indi ntambwe ikomeye yari iyo gushakira Uwamariya umuntu w'inshuti nyayo yabasha kwisanzuraho ndetse akamubwira ibibazo bye atari ngombwa umufasha mu by'ihungabana. Hamwe, twaganiriye ku nzira zitandukanye, muri uru rwego kongera kubaka ubucuti, Uwamariya yaje gutera intambwe ishimishije.

Izi ngingo eshatu- kwigira ku bushobozi bwo kwibeshaho, gufatanya n'ubushuti- byafashije uyu mwana w'umukobwa Uwamariya. N'ubu mu bikorwa byo gufasha abacitse kw'icumu tugerageza kwifashisha inkuru zigaragaza ubushobozi imiryango yabo yari ifite bwo kwibeshaho.

## GUKOMEZA UMURAGE

Hakizimana Valens yari umwana w'umusore mu gihe cya Jenoside, abavandimwe be bose uko ari bane barishwe muri icyo gihe. Niwe wenyine warokotse mu muryango we, ubu afite imyaka 24. Igihe yazaga kundeba Hakizimana yarafite ibibazo bikomeye bijyanye no kwibuka, yarafite ibintu bimukomereye yibuka. Ndetse yari yatangiye no kugenda yibagirwa iby'umuryango we, akumva yaracitse intege ndetse adafite ubushake bwo kubaho. Mu biganiro byacu nagerageje ku kumenya byinshi ku muryango we, abo arivo, ibyo abibukiraho, uko bari bameze?

Namenye ko mbere ya Jenoside, Hakizimana yari umwana muto wagiraga isoni ndetse akagira ikibazo cyo kuvuga, ariko muri Jenoside ubwo abaturanyi batangiraga ubwicanyi Hakizimana ari mubahise bamanya ibirikuba, aburira umuryango we ko ubwicanyi buri hafi ndetse nabo baramwumva. Ise yahise akusanya umuryango we, abwira mama w'abana, Hakizimana ndetse n'abavandimwe be ko bagiye guhunga. Yafashe Hakizimana aramwitegerezza aramubwira ati: “ Nshobora gupfa, kuko ngiye gusigara hano ndinze urugo kugirango mubashe guhunga. Hakizimana, uzabe umugabo w'ukuri kandi w'intwari ukoresha imbaraga, uzahangane n'ibibazo by'iyi si. Kandi uzahore uri inyangamugayo”.

Ayo ni amagambo yanyuma se wa Hakizimana yavuze, nkuko yari yabivuze, igitero cyaraje cyica se ndetse gitwika n'inzu yabo. Kubera ubwitange bwa se, Hakizimana yabonye umwanya uhagije wo guhunga n'ubwo yaboneye ibyabayeye iwabo ahirengeye, yahise afata icyemezo cyo gukora iyo bwabaga kugirango arokoke. Yakomeje kwiruka maze aza kwibuka ko hari inshuti y'umuryango yashoboraga kwizera kuko yari yarabaye nk'umwana wabo.

Kwibuka no kubara iyi nkuru cyari igikorwa gikomeye kuri Hakizimana ku buryo guhera mu nama yacu yambere, ntihahwemaga kuvuga uburyo ari inshingano zikomeye kuri we kuba umugabo, agakora cyane agatunganirwa, ndetse akagira umutima utanga. Mu gihe Hakizimana yavugaga amagambo yanyuma yabwiwe na se, yahise abona uburyo izo ndangagaciro ari umurage wa se, ahita yumva uburyo kuva Jenoside yarangira yagiye atera intambwe ziganisha ku gukomeza umurage wa se. Amaze kubyumva twahise dukomeza kuganira indi mishinga n'ibikorwa yakora kugira ngo akomeze uyu murage ndetse anawusigire abazamukurikira.

Hakizimana yakundaga gucibwa intege no gutekereza ku bamwiciye ariko ubu iyo yibutse amagambo ya se ahita yumva ko ashobora guhangana nabyo kuko ayo magambo amuha imbaraga, ni nkaho ayo magambo akimuza na se, bikamuha icyizere ko ashobora guhangana n'ubuzima, bikamuha imbaraga.

Kuri bensi twabuze byinshi ndetse n'abacu, hari intambwe nyinshi tugenda tugerageza gutera kugirango tubashe gukomeza umurage.

## KUGERAGEZA GUSHAKISHA IBISOBANURO NDETSE N'IMBARAGA HAMWE

Nyinawumuntu Odette yafashwe ku ngufu muri Jenoside, ariko bigeze muri Gacaca aho byose bishyirwa ahagaragara byaramunaniye gutanga ubuhamya kuko atashoboraga kubona amagambo yo gusobanura ibibi yakorewe. Ntiyashoboraga kuvuga ijambo gufatwa ku ngufu ahubwo yavugaga ko yakubiswe cyane ariko abari muri gacaca ntibashoboraga kubona ko hari icyo ashaka kuvuga kindi. Kubera iyo mpamvu uwamugiriye nabi yahawe igihano cy'igifungo cy'imyaka ine gusa kuko bashingiye ku birego byatanzwe gusa ariko ntibashingiye kubyo atavuze.

Nyuma y'urubanza Nyinawumuntu yegereye umufasha mu by'ihungabana, aho yashoboraga kumvwa mu buryo nyabwo, ahantu hamurengera. Twagerageje gushakisha no kubona amagambo yo gusobanura ibyamubayeho. Uburyo twabigenje, twabanje kumugaragariza ko twumva kandi twifatanyije nawe mu byamubayeho, tugerageza no gusangira muri bimwe mu byatubayeho natwe. Bityo twubaka ikizere. Twakoresheje ibishoboka byose kugirango tugirane ibiganiro inshuro zihagije, kandi akabimenyeshwa mbere ku gira ngo hatabaho guhubuka, ikindi ni uko twakoranaga umwitoto wo kuruhura mu mutwe nyuma y'ibiganiro kugirango adataha yumva aremerewe cyane n'ibibazo.

Dutangira gukorana nawe twamusabye uburenganzira bwo kuba twa kwandika bimwe na bimwe mu byo yatubwiraga ariko ari mu rwego bwo guha agaciro inkuru n'amagambo ye. Nyuma twamusomeraga ibyo twanditse bityo bigatuma nawe yumva ko byahawe agaciro. Ibi byatumye nawe atangira kwandika inkuru y'ibyamubayeho. Izo nyandiko rero zagombaga kugira akamaro mu manza za gacaca zagombaga gukurikira. Iyo Nyinawumuntu yagiraga ikibazo cyo kubona amagambo asobanura ibyamubayeho twamufashishaga amagambo amwe na mwe yashobora guhitamo. Gushakisha amagambo nyayo ni ikintu gikomeye, bituma abari n'abategarugori batumva batereranwe muri iki gikorwa kitoroshye.

Mu gushakisha amagambo, bituma tubasha guhuza inkuru z'aba bagore n'iza bagenzi babo baba baranyuze mu bibazo nk'ibyo. Imwe mu mirimo ya IBUKA hari igihe ibera mu matsinda bityo bigafasha abacitse ku icumu guhura bagashyira hamwe. Ibi byagaragaye ahanini mu gukorana n'itsinda ry'abagore bakorewe iohoterwa, muri aya matsinda abadamu bamwe baba barakoze ibizamini by'ubuzima bamwe bagasanga baranduye, abandi bataranduye. Hari n'abandi baba badashaka kubimenya bakavuga bat: “ N'ubundi nidusanga twaranduye tuzapfa ni hahandi, birutwa no kutabimenya”. Ariko bamwe muri aba bagore babasha gusobanura uburyo babashije gutera intambwe yo kwipimisha bakamenya uko bahagaze ndetse bagatangira no gufata imiti. Ibi bituma babona imbaraga iyo bishyize hamwe kuko iyo bamwe bumvise uburyo abo buhuje ikibazo babyitwayemo bibaha imbaraga. Ubu abandi bagore benshi babashije kwipimisha nabo ndetse no gufata imiti. Nubwo bakibana n'ikibazo cy'ubuzima ariko biraruta.

Noneho nyuma yaho Nyinawumuntu aboneye ububasha bwo gusobanura ibyamubayeho, yarajuriye, urubanza ruzasubirwamo. Itariki yo kuburana yaratanzwe. Ni inshingano zacu rero gufasha abagore kubona amagambo nyayo yo gusobanura ibyababayeho, no kubafasha guhuza imbaraga n'ubwo babana n'agahinda.

## **GUHA AGACIRO IBIFITIYE AKAMARO ABACITSE KU ICUMU**

Karigirwa Olive yarokotse Jenoside hamwe n'abavandimwe be bane ariko ababyeyi be barapfa, yababonye bicwa igihe yari yihishe mu git. Ubwo twahuraga na Karigirwa bwa mbere yari yarihebye, adaterimbere. Mbere yo kumubaza ibijyanye n'inkuru y'ibyamubayeho twarabanje turamwibwira ndetse tumubwira n'ibyacu, nibwo buryo twabashije guhuza nawe.

Nyuma Karigirwa yatubwiye uburyo, Jenoside irangiye yafashe amagufwa y'ababyeyi be akayashyira mu mufuka akayabika ahantu mu nguni y'inzu. Atubwira uburyo yifuzaga kubasha gushyingura mu cyubahiro ababyeyi be. Ni cyo kintu cyari gifitiye Karigirwa akamaro kanini. Yari yariyemeje ko icyo gikorwa cyo kubashyingura no kubasubiza icyubahiro azakigeraho.

Twasabye Karigirwa kutujyana akatwereka ayo magufa, tumufasha kuduha uburenganzira bwo kumufasha gushyingura ababyeyi be mu cyubahiro. Kubaha ibifitiye akamaro Karigirwa no ku mufasha mu gusubiza ababyeyi be icyubahiro byabaye intambwe ikomeye mu buzima bwe. Nyuma yo gushyingura yumvise aruhutse cyane. Ndetse yemera ko kwibana wenyine mu bwigunge atari byiza yiyeza kwegeera abandi barabana.

Karigirwa yifashishije kandi ukwemera kwe n'amasesengesho kugirango abone imbaraga, nyuma yaje gushingwa imirimo mu kiriziya. Buhoro buhoro yagiye agarura icyizere. Ubu afite umurimo kandi abasha gukomeza kwita kuri ba bavandimwe be. Yaje no kubona umugabo, ubu afite n'abana babiri. Hamwe n'umugabo we barafatanya kurera abana babo n'abavandimwe ba Karigirwa. Intambwe ya mbere yo guha agaciro ibyari bifitiye akamaro Karigirwa no kumufasha gusubiza icybahiro ababyeyi be nibyo byatumye ibintu bitangira guhinduka bigafata umurongo muzima.



## GUSHAKISHA INZIRA ZO GUSHYIRA HAMWE

Kenshi umurimo wacu urangwa no kugergeza guhuza ababyeyi n'abana, cyane cyane iyo abo bana bakomoka ku gufatwa ku ngufu no kugirirwa nabi muri Jenoside. Aba bana baba bafite ibibazo kuko ababyeyi babo batabona uko bababwira ibyababayeho, ndetse n'uko bavutse. Akensi hari igihe aba babyeyi bibagora kwita kuri abo bana kuko batabakunda nk'ababo muby'ukuri. Ahubwo bakababona mo urwibutso ruhoraho rw'iby'ababayeho.

Twaje gusanga rero ibi bibazo bitakwihereranwa ahubwo byaganirirwa mu matsinda. Ababyeyi bamwe bamaze kwitabira ibiganiro by'ubufasha mu matsinda batangiye kubona uburyo n'imbaraga zo kuba basobanurira abana babo ibyabaye. Abana nabo bamenye ibyabaye babashije gufata icyemezo cyo kuzakura bakaba abantu b'intwari n'inyangamugayo. Ibi babitewe no kwiyemeza kuba intwari bitandukanye n'ibyo ba se bakoze.

N'ubwo abana babanza guterwa agahinda no kuba bari hagati y'ibibazo batateye kandi bitoroheye ababyeyi babo kubakunda; bageraho bakemera ko bavutse mu buryo buteye uwoba nk'ifatwa ku ngufu. Iyo urwo rwego barugezeho ninaho havuka guhindura amateka no kwiyemeza gukura mu buryo bw'intangarugero. Guhuriza hamwe aba babyeyi byabafashaga kubiganira. Ibi ni ibintu bidashobora kwibagirana ariko kubiganira birafasha cyane mu kugabanya ingaruka z'ayo mahano.

## UBUSHOBOZI BWIHARIYE BWO KWIBESHAGO

Umukecuru witwa Nyiratete Susanne, yaje kwiyambaza ubufasha mu by'ihungabana nyuma yaho abwiriwe iby'umurimo wacu n'ishuti. Mu gihe yatubwiraga ibye byarabonekaga ko yamaze imyaka myinshi nta muntu abibwira cyangwa ngo amufashe. Yabaga mu gahinda gakomeye n'ubwigunge. Yabaga mu gahinda karenze n'ubwigunge bukabije kuburyo byaje kugera aho acukura akobo ahantu mu nguni y'inzu akajya akavugisha nkaho ari umuntu nk'aho ari inshuti aganiriza ibye. Akabwira akobo ke kumubikira amabanga. Igihe cyose yatangiraga kwibuka ibyamubayeho yahitaga asanga ka kobo akaganirira nk'aho ari umuntu.

Nyuma y'imyaka myinshi nibwo yaje kumenya ko hari undi muntu wacitse ku icumu nawe wabanaga n'ibibazo bikomeye by'ihungabana ariko akaza guhabwa ubufasha, nibwo Nyiratete yadusanze. Igihe yatubwiraga inkuru ye intambwe yambere yari ukubaha no guha agaciro uburyo yagerageje guhangana n'ibibazo bikomeye nk'ibyo. Twagereranyije uburyo yabwiraga ka kobo ke, nk'uburyo bwihariye bw'ubufasha. Ni nkaho muri iyo myaka yose yari yarishakiye ubufasha bwe ku giti cye. Ibyo bigaragaza ubuhanga n'ubushobozi. Twashimye kandi n'uburyo Nyiratete yigieku nkuru y'undi muntu wari ufite ibibazo by'ihungabana bigatuma atugana kugira ngo tumufashe. Ubwo ni ubuhanga butandukanye twasanganye Nyiratete. Mu murimo wacu tugerageza gushakisha no kwemera ubuhanga bwihariye bwo kwibeshago abantu bifitemo.



*Igice cya Gatanu*

# IZINDI NGINGO ZO KWIGWAHO

*David Denborough*

Nkuko byagaragajwe na Kaboyi Benoit: “Uyu murimo w’abafasha ba IBUKA mu bijyanye n’ihungabana, ni umurimo urokora ubuzima bw’abantu”. Izi nkuru zitandukanye z’umurimo wabo zigaragaza neza ya mahame yavuzwe haruguru:

- Guhuza: kumva ibyababayeho n’ingaruka zabyo
- Gushyira ahagaragara ingaruka za jenoside:
- Kumva ibindi bigize umuntu byarokotse n’uburyo byarokotse
- Gukurikirana amateka y’ibifitiye akamaro abacitse ku icumu
- Kwigira kubabo babuze: gukomeza ibyiza byabarangaga
- Kumenya ubuhanga bwo kwibeshaho
- Kwiyubaka n’ubutabera
- Ubufatanye
- Gufatanya kwibuka: ibiganiro n’ibikorwa rusange
- Imvugo yubaha umuco

Nifuza kugaragaza rero izindi ngingo zikenewe kwigwaho

- Ababuze n’umurage wabo: inkuru zitandukanye zo kwibuka
- Kwibuka ku giti cy’umuntu/ kwibuka muri rusange
- Gufashanya mu bibazo byo kwibuka
- Gahunda y’igihugu yo kwibuka
- Ikusanyamakuru n’ibikwa riboneye ry’ibitekerezo
- Kwiyubaka, kwibeshaho no guhangana n’ingaruka zikomeje za Jenoside

## *Ababuze n'umurage wabo: inkuru zitandukanye zo kwibuka*

Mu murimo w'abafasha mu by'ihungabana ba IBUKA hagaragaramo uburyo butandukanye bwo kwibuka, hagendewe ku buryo bwo kumva inkuru zitandukanye biragaragara ko hariho inkuru zitandukanye zo kwibuka kandi abakozi ba IBUKA bakora ibishoboka byose kugira ngo habeho kwibuka abacu twabuze ariko hanakomezwa umurage wabo mwiza.

<i>Kwibuka ababuze</i>	<i>Umurage</i>
• <i>Kwibuka no kwakira urupfu rw'abacu twabuze twakundaga</i>	• <i>Kwibuka umusanzu abo twabuze batanze igihe bariho</i>
• <i>Kwibuka no kwemera ku bazize akarengane</i>	• <i>Kwibuka umuraga nyamukuru basize hakubiyemo indangagaciro, imyemerere n'ubuhanga bwabo mu guhangana n'ibibazo</i>
• <i>Kwibuka no kwemera ingaruka zigikomeza za Jenoside</i>	• <i>Kwibuka no kwemera uburyo abacitse kw'icumu bagerageza gukomeza uwo murage n'uburyo uwo murage ugikomeje gufasha abandi kwiyubaka</i>
	• <i>Kwemeranya ku buryo uyu murage uzashyikirizwa abazakurikira</i>

Mukureba izi ngingo ebyiri z'abo twabuze n'umurage badusigiye, abafasha mu by'ihungabana ba IBUKA bubaka uruhererekane rw'amateka mu gihe. Indangagaciro, ubuhanga n'ubumenyi byagaragajwe n'abo twabuze mbere ya Jenoside bihuzwa n'ibikorwa by'abacitse ku icumu nyuma ya Jenoside. Ubu buryo bwo kureba impande zombi z'inkuru zituma bitandidiza igikorwa cyo kwibuka.

## *Kwibuka ku giti cy'umuntu/ kwibuka muri rusange*

Ku nshuro zitandukanye twagiye dukorana amahugurwa n' abakozi ba Ibuka, abafasha mu by'ihungabana bagiye bagaragaza akamaro ko gushyira ho uburyo bwo kwibuka budashegesha abibuka ntibyisheranwe na banyirabyo. Bagaragaje umurongo waba ufasha umuryango nyarwanda muri rusange kwifatanya mu gikorwa cyo kwibuka.

Mu mahugurwa ya mbere mu Rwanda ajyanye n'uburyo bwo kubara inkuru (White, 2007), twagiranye ikiganiro ku ngingo yo kwibuka n'umwe mu bajyanama mu by'ihungabana ba IBUKA. Ibiganiro byo kwibuka biduhuza n'abandi ndetse bigatumva uruhare bafite mu mibanire yacu nabo, kwibuka kandi bikubiyemo igikorwa cyo guhindura imiterere y'umubano dufitanye n'abantu bagize ubuzima bwacu. Bidufasha kongera gusuhuza abo twabuze dukunda, byunganira ibyo muri rusange bakora byo kubasezeraho. Mu kiganiro twagiranye na mugenzi wacu w'umuhyanama mu by'ihungabana, twamubajije ibibazo byinshi ku muntu yabuze yakundaga ariwe Se. Twibanze ku ruhare bagiriranye mu buzima bwabo.

Uyu mujyanama yishimiye iki kiganiro ndetse n'ibitekerezo byari bikubiyemo, ni ibiganiro byari bishimishije mu byukuri. Ariko n'ubwo abajyanama mu by'ihungabana ba IBUKA bemeranya ko ari uburyo bwiza, bavuze ko bugomba kunozwa hakurikije umwihariko w'umuryango nyarwanda. Barabajije bati, ese hari uburyo twakoresha ubu buryo mu rwego rusange, tutibanze kuri ibi bibazo byihariye kandi by'umuntu ku giti cye?

Hari uburyo bwinshi bwo kumva iki cyifuzo, icya mbere ni uko abajyanama batugaragarije uburyo umuco nyarwanda urangwa no kwihishira binyuranye no kugaragaza ibiri ku mutima. Twagiye twumva ingero nyinshi z'uburyo ari imyitwariree ya kinyarwanda kutagaragaza ibibazo byawe. Ibi rero bifite igisobanuro mu bujyanama. Icy a kabiri umuco nyarwanda ntabwo wibanda kumibanire y'umuntu n'undi ku giti cyabo nk'uko imico yo hanze ibigenza, imibanire hagati y'abana n'ababyeyi babo irebwa muri rusange. Bityo rero gushaka nko kumva imibanire y'umwana w'umukobwa na se by'umwihariko ntibyumvikanaga kimwe. Icy gatatu ni uko kwibukira hamwe abakurambere ari ingingo ifite umwanya ukomeye mu muco nyarwanda ariko mbere ya jenoside no mu muco wa kera ntibavuga by'umwihariko ku Bantu bitabye Imana. Bishoboka ko abapfuye babonwaga nkaho basanze mu muryango umwe w'abakurambere, bityo bakaba batarebwa cyangwa ngo baganirwe kimwe n'abakiriho.

Ariko rero nkuko bizwi umuco wicara uhinduka, bitewe n'ingaruka za Jenoside, abakozi ba IBUKA barashakisha uburyo bushya kandi buboneye bwo kuganira no gushakira umuti ibibazo. Bityo n'uburyo bushya bwo kuganira ku bapfuye bugenda buboneka, ariko bisaba kwitondera umuco.

Iyo turebera hamwe uburyo buboneye bwo kuganira ku bapfuye kandi uretse n'ikibazo cy'umuco, hari n'ikibazo kijyanye n'uko ari ingingo ifitanye isano na Jenoside. Kubaza umuntu kuvuga ku giti cye ibijyanye n'abo yabuze bishobora kutera ikibazo cy'uko yibuka uburyo buteye agahinda bapfuyemo. Ibyo bikaba byatera kwibuka bishengura umutima.

Haza rero ikibazo cy'uburyo abakozi ba IBUKA bafasha abacitse ku icumu mu bibazo byo kwibuka hirinzwe kongera kubakomeretsa kandi hitaweho kubahiriza ibijyanye n'umuco nyarwanda?

KU bufatanye n'abajyanama ba IBUKA turarebera hamwe uburyo bwo kubara inkuru no kuzirebera hamwe mu buryo butandukanye harimo kubura abacu ariko twibuka n'umurage wabo, bigakorwa ku giti cya buri umwe wese ndetse no muri rusange. Zimwe mu nkuru zavuzwe n'abafasha ba IBUKA zikubiyemo uburyo bwo kwibuka kurwego rw'umuntu ku giti cye mu gihe igice kinini cy'umurimo wa IBUKA wita ku gufasha umuryango muri rusange mu kwibuka.



Icyo dushatse kuvuga ku kwibuka nk'umuryango ni uko igikorwa cyo kwibuka kitaba gusa mu mitekerereze yacu ahubwo ari ikintu kitubamo ndetse kikaba no hanze. Hanze bigaragarira mu bikorwa nk'inzibutso, imihango yo kwibuka, mu biganiro, amashusho, inyandiko n'ibindi. Niyo mpamvu byumvikana ko kwibuka atari igikorwa cyihereranwa n'umuntu ku giti cye, ko ahubwo ari igikorwa abantu bafatanya bagakorera hamwe. Twafata rero umurimo wa IBUKA nk'igikorwa gihuriza abantu hamwe mu kwibuka (Jedlowski, 2001, p.34). Ibiganiro bagirana n'abacitse ku icumu rya Jenoside bikubiyemo ibice bimwe na bimwe byo kwibuka. Iyo abacitse ku icumu basaranganyije inkuru zabo n'abajyanama mu by'ihungabana baba bari gukorera hamwe igikorwa cyo kwibuka.

Ibi bikorwa rero bigirwa n'abantu ku giti cyabo, imiryango, mu matsinda, ku misozi ndetse no mu mihangyo yo kwibuka imara iminsi ijana buri mwaka. Muri make rero IBUKA ikorana no kwibuka ku nzego zitandukanye: umuntu ku giti cye, muri rusange ndetse no ku rwego rw'igihugu.

Mu rugendo rwacu rwa mbere mu Rwanda abajyanama ba IBUKA baganiriga uburyo bwo kubara inkuru mu buryo bubiri (White, 2003) ndetse n'inkuru zo kwiyubaka byagira akamaro ku rwego rw'igihugu mu kwibuka Jenoside. Kaboyi Benoit yagaragaje impungenge ko mu gihe cyo kwibuka cy'iminsi ijana igihugu cyose kiba kiri mu gahinda, akibaza rero icyakorwa kugira ngo iki gikorwa cyabaho muri icyo gihe ariko hagahuzwa gusubiza icyibahiro ababuze ubuzima bwabo ariko hanakomezwa abarokotse ndetse binafasha n'igihugu muri rusange kwiyubaka. Niho twaganiriye uruhare rw'uburyo bwo kubara inkuru mu buryo bubiri byafasha mu gukemura iki kibazo.

Mu gihe cyo kwibuka cy'iminsi 100 yakurikiye uruzindiko rwa mbere, abajyanama ba IBUKA bashishikarije abacitse ku icumu rya Jenoside kwibuka abo babuze ariko banabasubiza agaciro ariko banibanda ku murage mwiza babibukiraho, ndeste no kwikomeza no kwiyubaka. Abajyanama kandi baganirije abacitse ku icumu cyane cyane urubyiruko ku bibakomeza mu gihe cyitoroshye cyo kwibuka. Muri ubwo buryo babashije kumva ubuhanga n'ubushobozu butandukanye bwo kwibeshaho, ibyinshi bitari byaragiye ahagaragara. Abajyanama kandi basaranganyije inyandiko yateguwe yitwa: Kuba mu mwijima w'ingaruka za Jenoside: "Uburyo duhangana n'ibihe bikomeye; inkuru zitandukanye zo kwiyubaka z'abakozi ba IBUKA". Abajyanama ba IBUKA bavuga ko iyo nyandiko yabaye ingirakamaro kuri benshi kandi ubu buryo bushya bwo gukora umurimo wabo bwagabanyije urugero rw'ihungabana mu gihe cyo kwibuka cy'iminsi 100.



Mu rugendo rwacu ruheruka twumvise izindi nkuru z'uburyo bakoresha uburyo bwo kubara inkuru mu buryo bubiri mu bikorwa byo kwibuka:

*Mu gihe cyo kwibuka duhuriza hamwe abacitse ku icumu rya Jenoside. Umwaka ushize twakoreye umuhango wo kwibuka kuri kaminuza imwe, tubwira abari bateraniye aho kwibuka uwo babuze bakundaga cyangwa umuvandimwe wabo noneho bibuke nibura ikintu babakoreraga cyari gifite akamaro cyane. Ntabwo twibukaga gusa abo twabuze ahubwo n'ibikorwa byabo by'ingenzi n'ibyo bahaga agaciro. Umwe yibutse se n'uburyo yari umutunzi kandi azi kwita ku matungo ye, undi yibuka uburyo ababyeyi be bakundaga kuririmba. Twabashije kwandika ibyo buri wese yagiye avuga dukora ilisiti rusange y'abibukwa n'ibyo bibukirwaho. Noneho dukorera hamwe umuhango wo kwibuka. Urugero turirimbira hamwe twibuka bababyeyi bakundaga kuririmba. Ubu ni uburyo bwihariye twateguye bwo kwibuka, kandi byagiriye akamaroabantu.*

Uyu ni umuhango ukoresha ibice bibiri, ukadushoboza kubakira ku mateka, hakubiyemo ibikorwa bifite akamaro ubu n'ejo hazaza. Uku ni ukwibuka gufatanya kwibuka n'ibikorwa, kwibuka kwemera ko umurage w'abo twabuze ugikomeza mu gihe cya none ndetse uzakomeza mu bihe bizaza.

Iyo abacitse ku icumu rya Jenoside begeranyije ibi bice bibiri byo kwibuka ababuze n'umurage wabo, haboneka inzira nshya kuko abajyanama babasha gutekereza ku byo ababuze bari kwibaza ku buryo umurage wabo uri gukoreshwa. Uru ni urugero rw'ikiganiro twagiranye mu mahugurwa yacu aheruka:

*Uhugura: biragaragara ko abacitse ku icumu benshi bari kugenda babona uburyo bwo gukomeza indangagaciro z'abo babuze. Wibaza ko abo bakurambere babitekereza ho iki?*

*Umujyanama: Niba bashobora kumva, bagashobora kubona, mu byukuri ibi ni ibintu abakurambere bacu bakwishimira cyane. Nk'abacitse ku icumu turi kusa ikivi cyasizwe nabo diukomereza aho bagereje. Turabishimira kandi nibaza ko nabo babishima. Ni ikintu dusangiyе nabo kandi duteranamo inkunga.*



Muri ubu buryo kwibuka mu rwego rw'ubuvuzi bwabonye umwanya ukwiriye kandi wubahiriza umwiherako w'umuryango nyarwanda. Ibi rero bikaba ari urugero rwo kwibukira muri rusange (Denborough, 2008). Ubu buryo ntibutegeka umuntu kuvuga ku gitit cye mu ijwi rye, ntibutuma babyihererana ngo bahangane n'amateka bonyine. Ahubwo hakubiyemo gushyiraho ibikorwa rusange kandi bitandukanye nk'umuryango, bihuza kwibuka ababuze n'umurage wabo.

### ***Gufashanya mu bibazo byo kwibuka***

Hari izindi ngingo ebyiri zidakwiye kwibagirana mu murimo w'ubujyanama bwa IBUKA mu bijyanye no kwibuka. Kuruhande rumwe hari abugarijwe n'ibyo bibuka biteye uwoba kandi bibahungabanya, kurundi ruhande hari abafite ikibazo cyo kwibagirwa bimwe mu byababayeho. Niyo mpanvu abajyanama bagomba gushaka inzira nyayo yo gufasha kwibuka.

*Nk'imfubyi z'abana bari bato muri Jenoside, kuburyo batabasha kwibuka ibyarangaga ababyeyi babo nk'indangagaciro bashyiraga imbere, tugomba gusaranganya kwibuka kugira ngo nabo babimenye. Nk'abafite abavandimwe bake bakiriho bashobora kwegerana kugirango bamenye ibijyanye n'amateka y'imiryango yabo. Ubusanzwe abacitse ku icumu babasha gusaranganya ibikorwa byo kwibuka kuburyo abatibuka ibyabo bakwifatanya mu kwibuka iby'abandi. Bashobora gutega amatwi bakibuka ndetse bagatanga umusanzu mu gukomeza igikorwa cyo kwibuka.*

Ubu ni uburyo kandi bwo gushoboza abantu gufatanya mu kwibuka muri rusange nk'umuryango bityo hakoroshywa uburemere bw'ikibazo cyo kwibuka.

Ku rwego rwisumbuyeho kandi abajyanama ba IBUKA biyemeje guhuza ikibazo cyo kwibuka n'abandi bahuye na Jenoside, niyo mpamvu mu rugendo rwacu rwa mbere twabajijwe ibikorwa bijyanye n'uburyo abandi mu bindi bihugu bitwaye muri iki kibazo cyo kwibuka.

*Uyu munsi abakozi ba ibuka bafasha mu by'ihungabana bagaragaje kumugaragaro icyifuzo cyo kumenya uburyo abayahudi bakora igikorwa cyo kwibuka ndetse n'uburyo bitwara mu bibazo bijyanye no kwibuka. Ni ukuvuga uburyo bibuka ibibi byabakorewe mw'itsembabwoko ariko kandi basubiza icyubahiro ibikorwa by'ubutwari no kwihangana byabarante muri ibyo bihe bikomeye. Si ukwihangana gusa muri icyo gihe cy'itsembabwoko ahubwo ni n'ubutwari bwo guhangana n'ingaruka za jenoside. Barifiza kumenya cyane uburyo bwo kwita cyane kuri ejo hazaza ndetse no kwiteza imbere mu buzima ariko hatanibagirwa ibyabaye.*

Kubera icyo cyifuzo cy'abajyanama ba IBUKA twashizeho uburyo basangira ndetse bakungurana ibitekerezo na bagenzi babo b'Abayahudi ndetse n'Ababorijene bo muri Austaliya, Abirabura bo muri America n'Abanyabosiniya. Bityo ikibazo cyo kwibuka kikaganirwaho ku rwego mpuzamahanga n'abantu batandukanye. Ibitekerezo bituruka muri ibi biganiro ku bijyanye no kwibukira hamwe nk'umuryango bigaragara ko bifite akamaro cyane (Denborough, Freedman & White, 2008).

## **Gahunda y'igihugu yo kwibuka**

Ibikorwa bitegurwa n'abajyanama ba IBUKA mu minsi 100 buri mwaka aba ari imihango yateguwe kandi igatekerezwaho neza. Ku bufatanye na commission y'igihugu ifite kw'ibuka mu nshingano zayo, IBUKA iri gukora ibikorwa by'ubushakashatsi, n'ikusanyamakuru ndetse no kubaka amateka rusange y'umuryango. Amateka avuguruye agaragaza uruhare Abahutu bamwe b'intwari bahishe Abatutsi muri Jenoside, gushakisha no bushyira ahagaragara amateka nk'aya ni umusanu m kubaka amahoro. Umusanu ugamiye kuzana uruhare mu murage wo kubana no gufatanya, ibi rero bigaragaza uburyo haba hari ibice byinshi bigize inkuru mu mateka y'igihugu.

## **Ikusanyamakuru no kubika mu buryo buboneye ibitekerezo**

Abajyanama bagaragajeko hariho igihe bakorana n'abacitse ku icumu bagaragaza agahinda kenshi ko kuba bariho mu gihe ababo bapfuye. Ufashe nk'urugero rwa Uwimana Immaculee, inkuru ya mbere mu zavuzwe n'abajyanama ba IBUKA. Mu nama ya mbere n'umujyanama, Uwimana yagaragaje ku yumva umutima umushinja kuba ari we wasigaye mu muryango we, ariko mu byukuri ntacyo Uwimana ntacyo yarigukora ngo arengere abe. Ntabushobozzi yari afite bwo kubakiza muri kiriya gihe.

Muri iki kibazo umujyanama yagerageje guhuza na Uwimana, yarabanje amatega amatwi byimazeyo, yumva ibyo yanyuzemo noneho abihuza n'iby'abandi bacitse ku icumu. Ikindi kandi cy'ingenzi ni uko umujyanama yateze amatwi ibindi byarokotse mu buhamya bwa Uwimana, kuko ntabwo ari abantu gusa bazira cyangwa bakarokoka Jenoside ahubwo n'imibereho, indangagaciro n'ibyo bemera kandi baha agaciro nabyo biba byugarijwe. Abajyanama bagerageza kumva ibikubiye mu buhamya bw'abacitse ku icumu ndetse n'ibidahita bigaragara mu kababaro kabo. Batega amatwi ibyo bari bahuriye ho n'abo babuze niyo bo baba badahari.



Ciaran Benson yasobanuye bimwe mubikubuye mu gahinda no kwicira urubanza no kwirenganya bigaragazwa na bamwe mu bacitse ku icumu, agaragaza indangagaciro zishobora kutagaragara amaso:

Uko kwicira urubanza bitwerekwa ibindi bintu bikomeye ku bijyanye n'indangagaciro bashaka kongera kugarura no guteza imbere mu buzima bwabo, mu buryo biha ibihano, bicira urubanza banitonganya. Nubwo biba bigaragara ko birenganya ubwabo bitugaragariza ko mu byukuri bafite indangaciro bemera kandi zagombaga kuba zarakoreshejwe kugirango ibyabaye bitaba aribyo bituma bumva ko batsinzwe...(Benson,2001, p.162)

Michael White (2003) akomeza agaragaza ko 'ibibazo by'ihungabana bikomeza bishobora kuba ikimenyetso cy'ibyo umuntu yahaga agaciro cyane byahungabanyijwe n'ikibazo kimutera ihungabana' (p.41).

Mu gihe Uwimana yatangaga ubuhamya bwe, umujyanama mu by'ihungabana y'umvaga mu buryo bubiri (White, 2003): yategaga amatwi kugirango yumve abo yabuze ariko anatega amatwi neza kugirango yumve n'ibindi bimenyetso bikubiye mu nkuru ye bigaragaza ibyo yahaga agaciro. Ese agahinda ke karatwereka iki? Ese ni izihe ndangagaciro ziri inyuma y'uko kwicira urubanza? Kuri Uwimana izo ndangagaciro zigaragarira mu rukundo rw' umuryango we, n'uburyo bakundaga kwitanaho no gushyigikirana mu bihe bikomeye.

Muri Jenoside, Uwimana ntabwo yashoboye gubatabara abe yakundaga. Bityo rero agahinda ke kagaragaza uburyo agikomeye kuri za ndangagaciro. Mu nkuru zibanzemo ibibazo n'akababaro birashoboka kumvamo ibyo umuntu yahaga agaciro byarokotse.

Hari igihe ibyo byose bigaragarira mu gahinda k'uwacitse kuicumu nkuko rero Benson (2001) abisobanura:

Buri gihe umuntu agaragaje intimba, kwicira urubanza ndetse no kwigaya, hari icyo biba bishingiyeho. Icyo kintu akensi kiba gifitanye isano n'indangagaciro cyangwase ukwemera kwerekeye uko ubundi umuntu akwiye kwitwara mu marangamutima. Izo ndangaciro nizo musingi wo kwiyubaka no kubakiraho umuryango...(p.166)

Nyuma ya Jenoside, Uwimana yiyeje kwita no gufata neza ikintu cyonyine cyari cyarokotse mu muryango we, inkoko imwe yasigaya iwabo. Kwita kuri iyo nkoko kuri we byari bifite igisobanuro gikomeye kandi nyuma ya Jenoside. Noneho igihe iyo nkoko yaje kwibwa byamuteye agahinda cyane.

Kubwa Uwimana icyagaragaye mu gahinda ke ni uko umuryango we washyiraga imbere kwitanaho no kurindana, izo ndangagaciro zikaba zarangijwe na Jenoside. Uwimana yagerageje gukomeza uwo muco mwiza yita ku nkoko y'iwabo ariko nyuma nabwo icyo gikorwa kiza kumuvutswa.

Ziriya ndangagaciro ziba zikubiye mu nkuru z'agahinda nizo zishobora kubakirwaho mu kwiyubaka nizo zitujyana mu mwanya wisumbuyeho kuruta aho twisanze bitewe n'ibyatubayeho (Benson, 2001, p. 173). Nkuko Benson abisobanura, ‘zigomba kuba zirenze umuntu ku gitu cye ahubwo zigamije kwita ku mibereho myiza y'abandi cyane cyane abo ufiteho inshingano zihutirwa nk' abana bawe, inshuti n'abavandimwe’ (p.172). Mu gahinda ka Uwimana hagaragayemo indangagaciro zo kwita ku bandi no kubarinda n'ubwo zari zarangijwe bikomeye na Jenoside.

Umujuyanama wa IBUKA yafashije Uwimana kubona no gusobanukira indangagaciro ziri inyuma y'agahinda ke. Hagaragajwe indangagaciro yo kugira umutima utanga ndetse afasha Uwimana kumva amateka y'iyo ndangagaciro n'uburyo ari amateka akubiyemo n'umuryango we.

*Naje gusanga umuryango wa Uwimana mu by'ukuri warakundaga abantu ndetse ukana gira neza, bakundaga kwakira abantu batandukanye mu muryango wabo, bakanafasha abavandimwe. Izi ndangagaciro zashyirwaga imbere mu muryango we. Twabiganiriyeho cyane, ambwira ibikorwa bitandukanye umuryango we wakoraga, ndetse anasonbanurira uburyo yifusa kuzakomeza uwo muco wo kugira neza mu myaka iri imbere. Ibi akabikorera gukomeza umurage w'abe bapfuye.*

Mu gihe abantu baganira inkuru z'ababo babuze mu buryo buteye ubwoba nka Jenoside, abajyanama batega amatwi bagerageza gushakisha n'akamenyetso gato k'indangagaciro zaba zihishe inyuma y'agahinda kabu. Ibi bituma ibyo bakunda kandi baharanira, rimwe na rimwe bireba n'abandi bataribo gusa bishyirwa ahagaragara ndetse n'amateka yabyo mu muryango akagaragazwa. Noneho intambwe ikomeye iba isigaye ni ukubafasha gukomeza izo ndangagaciro. Ibi ninabyo umujuyanama wa IBUKA yafashije Uwimana, yashyize uburyo bwakorohereza Uwimana gukomeza umuco wo kugira neza bityo aba abaye umuyoboro wo gukomeza umurage.

*Nyuma yaho Uwimana yaje kwita ku mwana w'umukobwa w'impfubyi, amujyana mu rugo barabana. Ibi byari mu rwego rwo gutanga umusanu mu gukomeza umuco w'umuryango we.*



Iyo ibyo abacitse ku icumu baha agaciro byahungabanyijwe, iyo indangagaciro zbarangaga zateshejwe agaciro, iyo bahuye n'ibibaca intege byinshi, Benson avuga ko ibi bikurikira bigomba gukorwa:

- Gutega amatwi mu bushishozi kugirango wumve indangagaciro ziri inyuma y'agahinda k'abacitse ku icumu- nko mu rugero rwa Uwimana, inyuma y'agahinda n'akababaro bye, hari indangagaciro yo gukunda abantu no kubitaho, ibyo bikaba byarashegeshw na Jenosite.
- Kumva no kubaha uburyo abacitse ku icumu rya Jenosite bagerageje gukomeza izi ndangagaciro-kuri Uwimana byagaragariye mu buryo yitaga ku nkoko y'iwabo
- Gufasha abacitse ku icumu kubonera izina no gusobanura izo ndangagaciro bahuriyeho-Uwimana yabyise kugira neza.
- Gusaba abacitse ku icumu kuvuga amateka y'izo ndangagaciro mu muryango, aho zaturutse, n'abo bazisangiye- Uwimana yagaragaje uburyo y'ari ahuje n'umuryango we: umutima ukunda, no kugira neza.
- Gushyira uburyo bufasha abacitse ku icumu gukomeza uwo murage bahuriyeho-Uwimana afasha impfubyi akabana nayo byari muri urwo rwego rwo gukomeza umuco w'umuryango

Abajyanama ba IBUKA rero bumva indangagaciro ziri inyuma y'inkuru z'agahinda babwirwa n'abacitse ku icumu. Bagatega amatwi uburyo buhuje bwo kubaho, ibyo baha agaciro byaba byararokotse itsembabwoko. Ikintu cyo gukunda abantu no kugira neza cyagaragajwe n'umuryango wa Uwimana ntabwo cyapfuye burundu muri Jenosite, ahubwo iyo ndangagaciro yarashegeshw cyane ndetse biza no guca intege Uwimana n'ibimuranga birahadindirira.

Iyo dutega amatwi ibindi bimenyetso birenze umuntu ku giti cye bikubiyemo indangagaciro ziri inyuma y'agahinda k'abacitse ku icumu, bituma bishoboka kubishakira ibisobanuro. Hakaboneka umwanya wo kubiganiraho n'amateka yabyo ndetse n'uburyo bwo kubomeza. Bityo izo ndangagaciro zifasha kutugeza ku rwego rwisumbuye rurenze aho twisanze bitewe n'ibyatubayeho (Benson, 2001, p. 173) Ibi rero bishobora gufatwa nk'uburyo bwo kwisubiza agaciro no kwiyongera imbaraga.

Iyo abacitse ku icumu bakomeza iyi mico myiza ireba n'abandi bituma babasha gutanga umusanu mu buzima bw' abandi (Denborough, 2008). Nubwo haba hari agahinda kenshi, umurimo wa IBUKA ukora ibishoboka kugira ngo indangagaciro, n'imico myiza by'ababuze bitibagirana ahubwo bikarokorwa. (Bisobanuwe mu nyandiko ikurikira)



### ***Kwita ku bitagaragarira amaso arikobihari***

Abasanzwe basobanukiwe n'uburyo bwo gutega amatwi mu byiciro bibiri, bashobora kwifuza kumenya uburyo umurimo wa IBUKA wasobanuwe, bishobora kongera ndetse bigahabwa n'umwanya mu bijyanye n'uburyo bwo kumva ibitagaragarira amaso ariko bihari (White, 2000; 2003). Ubwa mbere izo ndangagaciro zishyirwa ahagaragara nk'izisangiwe na benshi kandi zitihariwe n'umuntu ku giti cye (bitandukanye no kwiyumvisha ko ari ibintu by'umwihariko biba mu bwenge bw'abantu). Icy a kabiri, ni uko abajyanama basabwa kumva no guha agaciro ibyo bice bitagaragara ariko bihari bigaragazwa mu bikorwa by'umuntu n'umuryango muri rusange. Icy a gatatu, ni ugukubira ibi bice mu nkuru ndetse hagashakishwa uburyo bwo gukomeza kubiteza imbere nk'indangagaciro zisangiwe na bose. Ibi bitanga uburyo bwo kugera ku gukira no kwiyubaka ndetse n'ubutabera. Icy a kane, gushyira mu bikorwa izi ndangagaciro zihuriweho bikorerwa abari bazihuriyeho bose. Bikaba igikorwa kibaranga bose. Icy nyuma ni uko kubera ko birenze umuntu ku giti cye (Bensn, 2001), igihe ibi bizashyirwa mu bikorwa bizatuma abantu batanga inkunga ku buzima bw'abandi. Ibi bifitanye isano no gufashanya mu bantu ari nabyo biba bigenerewe muri ubu buryo bukoresha kubara inkuru (Denborough, 2008).

### ***Kwiyubaka, kwibeshaho no guhangana n'ingaruka zikomeje za Jenoside***

Muri iyi nyandiko twakubiyemo kubushake inkuru ziha agaciro ubuhanga n'ubumenyi, n'indangagaciro z'abacitse ku icumu n'uburyo bagerageza kwisubiza ubuzima. Abajyanama ba IBUKA bagaragaje ko izi nkuru ari inkuru zo kwiyubaka nokudaheranwa mu guhangana n'ingaruka za Jenoside zikomeza. Inkuru twagaragaje hano zerekana uburyo abacitse ku icumu kubufatanye n'abajyanama ba IBUKA bari kugerageza kwisubiza ubuzima ndetse bakanafatanya.

Kuri buri nkuru twasangijwe yo kwiyubaka, tugomba kwibuka ko hari izindi ibihumbi z'abacitse ku icumu bakiri mu buzima bukomeye bacyugarijwe n'ibibazo, mu bukene bukabije, bataranamenya ko hari ubushobozi bwo kuba bahabwa ubujyanama cyangwa batanabifashisha. Hariho n'ikibazo cy'uburyo abakozi ba IBUKA badafite ubushobozi buhagije kugirango batange ubufasha bwose bukenewe kubabagana.

Turizera ko iyi nyandiko igaragaa ubuhanga, ubumenyi n'indangaciro by'abacitse ku icumu ariko inasubiza icyubahiro ubuzima bw'ababuvukijwe. Turizerako kandi igaragaza mu by'ukuri umurimo w'agaciro kandi utoroshye abakozi ba IBUKA bakora wo gufasha abacitse ku icumu mu gihugu hose, bagikomeje kugarizwa n'ibibazo.

### ***Ku bundi busobanuro***

Ukeneye ayandi makuru ku mikorere ya ibuka cyangwa wifuza gutera inkunga imirimo y'abajyanama mu by'ihungabana , wakoresha, Rwanda P.O. BOX 625, Kigali. Kwandika ubutumwa: info@ibuka.rw urubuga: www.ibuka.rw telefone igendanwa: +250788350857 (ushinzwe itumanaho)

Ukeneye ubundi bufasha ku ikoreshwa ry'uburyo bwo kubara inkuru bukoreshwa mu buvuzi no gukorera muri kominote, cyangwa wifuza gutera inkunga ibikorwa bya Dulwich centre Foundation International, reba ku rubuga: www.dulwichcentre.com.au, cyangwa wohereze kuri : dulwich@dulwichcentre.com.au

## Inyandiko

- <sup>1</sup> Ku bindi bisobanuro ku bijyanye no gukiza umuryango mwakwifashisha Lederach & Lederach (2010) and Westoby (2009)
- <sup>2</sup> Igikorwa cyo kubara inkuru ni bumwe mu buryo bw'ubujyanama no kubaka umuryango ( www.dulwichcentre.com.au). Mu myaka ishize, ibisubizo bishingiye kuri tekinike yo kubara inkuru mu bijyanye no guhangana n'ihungabana byanditsweho (White, 2006; Denborough, 2006) harimo ndetse n'uburyo iyo tekinike yakoresh wa mu gufasha abacitse ku icumu (Denborough, Freedman & White, 2008). Amahugurwa mu buryo bwo gukoresha tekinike yo kubara inkuru yahawe abajyanama ba IBUKA mu myaka itatu ishize, amahugurwa yatanzwe n'abahagarariye ibigo Dulwich Centre Foundation International (David Denborough and Cheryl White) n'abahagarariye Eavaston Family Therapy Centre (Jill Freedman na Gene Combs).
- <sup>3</sup> Aya mahugurwa yabaye mu kwa cumi 2009, yatanzwe na David Denborough (Dulwich Centre Foundation International).
- <sup>4</sup> Gacaca ni uburyo bwo gukemura amakimbirane bushingira ku muco nyarwanda bukaba bukoreshwa kugirango abakoze ibyaha bya Jenoside bashyikirizwe ubutabera. Ku bindi bisobanuro wakwifashisha Omaar (2007)
- <sup>5</sup> Amazina yagaragaye muri izi nkuru ni ay'ifashishijwe n'umwanditsi
- <sup>6</sup> Aya mahugurwa yatanzwe na David Denborough, Jill Freedman na Cheryl White (Denborough, Freedman & White, 2008).
- <sup>7</sup> Ku bijyanye no gushyira ahagaragara ibikorwa bya kwibuka, hakwifashisha Jedlowski (2001).
- <sup>8</sup> Abajyanama ba IBUKA bagejeje aya makuru y'umurimo wabo kuri Jill Freedman na Gene Combs (Eavaston Family Therapy Centre) mu mahugurwa yabereye mu Rwanda.
- <sup>9</sup> Abajyanama ba IBUKA kandi basobanuye bumwe mu buryo bafashije bagenzi babo mu gihe cyo kwibuka. Umwe yatangaje uburyo yohereje ubutumwa bwo gukomeza inshuti ze na bagenzi be bakorana yifashishije umuyoboro wa Internet. Undi nawe yohereje ubutumwa bugufi bwo kwifatanya n'abandi. Undi nawe yohereje ubutumwa buvuga buti: ' mu gihe twibuka, dutekereze no kubyo twagezeho kuva Jenoside yarangira'. Abandi nabo basubijanyije ubutumwa bwo kwifatanya.
- <sup>10</sup> Ku bijyanye n' ibijyanye n'uburyo amateka yakoreshwa neza, hakwifashisha David Denborough, Wingadr & White (2009)
- <sup>11</sup> Inyandiko rusange yashyizwe hamwe mu rugendo rwo muri 2008 mu Rwanda nayo ni urugero rwo kwibukira hamwe (Denborough, Freedman, & White, 2008).
- <sup>12</sup> Michael White yakomoje ku ngingo yo kwisubiza agaciro. Arthur Frank (2004) we ahitamo gukoresha ijambo kwisubiza imbaraga.

## Ibitabo byifashishijwe

- Benson, C. (2001). Suffering, radical dislocation and the limits of moral responsibility *The cultural psychology of self: place, morality and art in the human world*. London: Routledge.
- Denborough, D. (Ed.) (2006). *Trauma: Narrative responses to traumatic experience*. Adelaide: Dulwich Centre Publications.
- Denborough, D. (2008). *Collective narrative practice: Responding to individuals, groups, and communities who have experienced trauma*. Adelaide: Dulwich Centre Publications
- Denborough, D., Freedman, J. & White, C. (2008). *Strengthening Resistance: The use of narrative practices in working with genocide survivors*. Adelaide: Dulwich Centre Foundation
- Frank, A. (2004). Moral non-fiction: Life writing and children's disability. In Eakin, J. P. (Ed.). *The ethics of life writing*. (pp. 174-194). Ithaca, New York: Cornell University Press.
- Jedlowski, P. (2001). Memory and sociology: Themes and issues. *Time & Society* 10(1): 29-44.
- Kaboyi, B. (2007). A small light as we walk this long road: The work of Ibuka. *International Journal of Narrative Therapy and Community Work*, (1), 47-50.
- Lederach, J.P. & Lederach, A.J. (2010). *When blood and bones cry out: Journeys through the soundscape of healing and reconciliation*. St Lucia, Australia: University of Queensland Press.
- Ncube, N. (2006). The tree of life project: Using narrative ideas in work with vulnerable children in Southern Africa. *International Journal of Narrative Therapy and Community Work* 1:3-16
- Omaar, R. (2007). Intimacy and betrayal in the story of genocide. *International Journal of Narrative Therapy and Community Work*, (1), 51-55.
- Westoby, P. (2009). *The sociality of refugee healing: In dialogue with Southern Sudanese refugees resettling in Australia*. Altona, Victoria: Common Ground Publishing.
- White, M. & Epston, D. (1992). A conversation about AIDS and dying' in Epston, D. & White, M. (2992) *Experience, Contradiction, Narrative & Imagination: Selected papers of David Epston & Michael White, 1989-1991* (chapter 2), pp.27-36. Adelaide: Dulwich Centre Publications
- White, M. (2000). Re-engaging with history: The absent but implicit. In White, M.: *Reflections on Narrative Practice: Essays & interviews* (chapter 3), pp.35-58. Adelaide: Dulwich Centre Publications.
- White, M. (2003). Narrative practice and community assignments. *International Journal of Narrative Therapy and Community Work*, 2:17-55.
- White, M. (2006). Working with people who are suffering the consequences of multiple trauma: A narrative perspective. In D. Denborough (Ed.) (2006). *Trauma: Narrative responses to traumatic experience* (pp.103-113). Adelaide: Dulwich Centre Publications.
- White, M. (2007). *Maps of Narrative Practice*. New York: W.W. Norton.

## Gushimira

Goverinoma ya Australiya, ibinyujije mu nkunga yayo Direct Aid Program, yateye inkunga iyandikwa ry'iyi nyandiko.

David Epston, Cheryl White, Jill Freedman, Peter Westoby, Polly Walker, Ruth Pluznick, Mark Trudinger, Yishai Shalif, Sekneh Beckett, Yael Gershoni, Angel Yuen na Lisa Johnson batanze ibitekerezo byabo ku nyandiko ya mbere.

Janelle Dickson na Loree Stout bakusanyije amakuru ahagije mu mahugurwa ya IBUKA mu kwa cumi 2009.

Amashusho agaragaza imisozi y'u Rwanda yafashwe na Ingrid Grillo-Willis.

Hodali Irakoze Pierre Claver, ushinzwe itangazamakuru yadufashije guhuza ibitekerezo muri iki gikorwa.

Iregura Patrick yafashije mu gusemura.



*Mu mwaka wa 1994 jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda yatwaye ubuzima bw'abantu basaga miliyoni. Uyu munsi umuryango w'abarakotse wa ibuka mu Rwanda uri gushaka uburyo bwo kubyitwaramo.*

*Babonye uburyo bwo komora ibikomere bya genocide binyuze mu kwibuka.*

*Twese hamwe- ndetse no ku bufatanye na Dulwich Centre Foundation International iherereye muri Adelaide, Australia- bakoze uburyo bworoshye, buvuguruye kandi buhuje n'umuco bushingiye ku mahame yo gukoresha ubuvuzi bw'imatekerereze hakoreshejwe uburyo kubara inkuru bukoreshwa no gukorera mu muryango mugari {Narrative Therapy & Community work}.*

*Iyi nyandiko ni uburyo bwihariye bw'ubuvuzi bwihariye ndetse n'ubwarusange abajyanama ba ibuka bari gutegura. Ikubiyemo inkuru zibyakozwe ndetse nibyawuvuyemo; amahame yabaranze ibyo bakoraga; ingero z'uburyo n'ibitekerezo byuko abajyanama b'umuryango (ibuka) mu bundi buryo bwabo bwite bakoresha.*

*'Gukira binyuze mu kwibuka' ni inyandiko irimo uburyo bukora kandi bwatekerejweho, kandi burimo icyizere n'ibyiringiro.*



**Dulwich Centre Foundation International**

Hutt St PO Box 7192 Adelaide 5000, Australia  
Phone: +(61-8) 8223 3966 | Fax: +(61-8) 8232 4441  
Webpage: [www.dulwichcentre.com.au](http://www.dulwichcentre.com.au)  
Email: [foundation@dulwichcentre.com.au](mailto:foundation@dulwichcentre.com.au)

Ibuka, Rwanda – P.O. BOX 625 Kigali  
Phone (direct contact): +(250) 788 35 08 57  
Webpage: [www.ibuka.rw](http://www.ibuka.rw)  
Email: [info@ibuka.rw](mailto:info@ibuka.rw)

#### Acknowledgement

The Australian Government, through the Direct Aid Program,  
provided funding for this publication.